REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: info@meteorwanda.gov.rw
Website:www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

ITEGANYAGIHE N°52 RY'IMPESHYI (KAMENA- KANAMA) 2019

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza abaturarwanda bose ko impeshyi ya 2019 izarangwa n'ibihe bisanzwe by'izuba. Imvura nke iteganyijwe muri Kamena ariko ikazajya inyuzamo ikagwa rimwe na rimwe mu yandi mezi abiri asigaye (Nyakanga na Kanama) cyane cyane mu bice by'imisozi miremire n'ahegereye ishyamba rya Nyungwe.

IMVURA ITEGANIJWE MURI IYI MPESHYI:

Imvura iri hagati ya milimetero 100 na milimetero 150 iteganyijwe mu ntara y'Iburengerazuba no mu turere twa Burera na Musanze two mu ntara y'Amajyaruguru ndetse n'igice gito cy'Akarere ka Nyamagabe ko mu ntara y'Amajyepfo ahegereye ishyamba rya Nyungwe.

Imvura iri hagati ya milimetero 50 na milimetero 100 iteganyijwe mu ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, mu ntara y'Amajyepfo ndetse no mu turere twa Gicumbi, Rulindo na Gakenke two mu ntara y'Amajyaruguru.

IKARITA YEREKANA INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE MU MPESHYI 2019



Ikarita 1: Imvura iteganyijwe mu Mpeshyi 2019